

A Ese urukundo rw’Imana rushobora kugerwa?

❖ Rurenze ibyakwitegwa.

- Iyo imirongo imwe n’imwe ya Bibiliya isomwe itajyanishijwe n’ibyerekezwa gahungu, ishobora kumvikana nk’aho urukundo rw’Imana atari icyo kwitegwa, ko ikunda iyo biyijemo (Kuva 33:19).
- Ariko mutyo turebe inkuru yose. Imana yakuye Isirayeli muri Egiputa ikoresheje ibitangaza bikomeye. Yavuganye nabo ubwayo kuri Sinayi maze ibasaba ko ari Yo bagira Imana yabo yonyine. Nyuma y’iminsi mike, biremeye inyana y’izahabu baravugaga bati: “Wa bwoko bw’Abisirayeli we, iki ni cyo mana yawe yagukuye mu gihugu cya Egiputa!” (Kuva 32:8). Imana ibwira Mose icyo ubwoko bwari bukwiye: urupfu (Kuva 32:9–10).
- Mose yingingiye ubwoko guhabwa imbabazi badakwiriye (Kuva 32:11–13, 30–33). Ni muri urwo rwego, Imana yiringiye Mose ko “ishaka” kugirira imbabazi Isirayeli (Kuva 33:19). Urukundo rw’Imana ntirukurikiza inyurabwenge y’impamvu y’icyabaye n’inkurikizi zabyo. Urukundo rwayo ntirugerwa; ruhoraho kandi ntirukama. Itanga ubuntu, imbabazi, n’impuhwe itishāma, n’igihe ibigirira abatabikwiriye.

❖ Kwitanga byuzuye.

- Ku musaraba – ari ho herekaniwe byimazeyo urukundo rw’Imana – tubona ko Kristo yatwitangiye ku bushake Bwe abiyemeje ubwe. Nta muntu wamwambuye ubugingo Bwe, ahubwo yabutanze ku bushake, ashoza Inama y’Agakiza yashyirirweho mu Ijuru mbere yo kuremwa kw’isi (Yohana 10:1–18; 1Petero 1:18–20).
- Urukundo rwagera he? Kugeza ku gutangira amagara yacu uwo dukunda kandi twifuriza cyane gukomeza kubaho? Ese twabikorera uwo tutaziranye na gato, cyangwa utwanga? (Abaroma 5:7)?
- “Kristo yapfiriye abanyabyaha” (Abaroma 5:6). “Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha” (Abaroma 5:8).

B Ese Imana ikomeye kwerekana no guhabwa urukundo?

❖ Imana ikunda ibikuye ku mutima.

- Inkuru ya Hoseya itwerekana uko urukundo rw’Imana rumeze. Nubwo umugore we yamuciye inyuma, Hoseya yamubabariye inshuro nyinshi, akomeza kumukunda.
- Hoseya ashushanya Imana, naho umugore we w’umuhemu ashushanya ubwoko bw’Imana. Nubwo dukomeje gukora icyaha no gutandukana n’Imana, Imana ikomeje kudukunda “ibikuye ku mutima” (Hoseya 14:4). Iyo mvugo isobanura iki?
- Ijambo ry’uruheburayo, *nedabah*, risobanura ibyatanzwe ku bushake (nk’ibitambo by’ubushake).
- Imana itanga urukundo rwayo, nubwo ntacyo yitwira. Mbega itandukanirwo na kamere yacu yo kwikunda! Ni ikihe gisubizo cyawe kuri uru rukundo ruvuye ku mutima kandi rwo kwitanga?

❖ Gukunda utiteze kwitwira.

- Ese Imana yari ikomeye kurema iyi si kugira ngo ikundwe, yubahwe kandi iramye?
- Imana ntacyo idukeneyeho (Ibyakozwe 17:25). Mu by’ukuri, ni bangahe bamenya ko ibyo bafite byose, harimo n’ubuzima bwabo, ari impano iva ku Mana? Ni bangahe muri iki gihe bayihimbaza kandi bakayishimira ibyo?
- Urukundo rw’Imana rwahozeho iteka ryose mbere yo kuremwa kw’isi, nkuko Yesu yabishimangiye igihe yavugaga ko Data yamukunze “mbere yo kuremwa kw’isi” (Yohana 17:24). Bityo rero, kurema isi ntibyari nkenerwa ku kubaho k’urukundo rw’Imana. Ahubwo, irema ryabaye igikorwa cy’Imana cy’ubushake cyaturutse ku mudendezo w’urukundo rwayo ruhoraho.
- Imana ni urukundo, kandi irakunda idategereje inyiturano. Ikunda abākira urukundo rwayo, ndetse n’abarwanga. Irakunda cyane ku buryo yakoze byose kugira ngo abo yaremye, abana bayo, basangire nayo imibereho y’umunezero uhoraho.

C Ese dushobora kwanga urukundo rw’Imana?

❖ Guhitamo kwacu.

- Umwami ategura ubukwe bw’umuhungu we, ariko abararitswe ntibitabira ubutumire. Hararikwa abandi kandi bemera irarika, ariko no muri bo habonekamo abatarakurikije gahunda, barirukanwa (Matayo 22:1–13).
- Kuba Yesu yarakoresheje uyu mugani byatumye bamwe bizera ko Imana itoranyamba mbere abazakizwa n’abatazakizwa (Matayo 22:14). Ibyo byaba bivuze ko Imana iha urukundo rwayo bamwe, ariko ikarwima abandi.
- Inyandiko y’umwimerere ishimagira irarika aho kuba ugutoranyamba: “**ABARARITSWE** ni benshi, kandi bake ni bo **BEMEYE IRARIKA.**”
- Imana yadutoye twese kuko idukunda twese (Yohana 3:16). Ikigena ahazaza hacu ntabwo ari ugutoranyamba kw’Imana, ahubwo ni igisubizo cyacu ku irarika ryayo.